Republic
of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI K'UGUSHYINGO 2025

10 Ukuboza 2025

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,2% ugereranyije n'Ugushyingo 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2025 byari byiyongereyeho 7,1%.

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,7%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 70,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 9,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,4%.

Ugereranyije Ugushyingo 2025 n'Ugushyingo 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 9%.

Ugereranyije Ugushyingo 2025 n'Ukwakira 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,2%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 1,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 0,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 0,6%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 2% ugereranyije n'Ugushyingo 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2025 byari byiyongereyeho 3,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushingo 2025 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 13,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,5%.

Ugereranyije Ugushyingo 2025 n'Ukwakira 2025, ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugugushyingo 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,1% ugereranyije n'Ugushyingo 2024. Mu kwezi kw'Ukwakira 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 5,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushyingo 2025 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi

bicanwa byiyongereyeho 4,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 62,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,1%.

Ugereranyije Ugushingo 2025 n'Ukwakira 2025, ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2024 kugeza m'Ugushyingo 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2024** | | **2025** | | | | | | | | | | |
| | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 5,0 | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 |
| Mu byaro | 2,4 | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 |
| Mu Rwanda | 3,4 | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,1 | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 |
| Mu byaro | 1,4 | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 |
| Mu Rwanda | 0,9 | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

## *Ku bindi bisobanuro:*

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw